Uzasali iswalat ebyiri zo mu bihe by'imbeho, azinjira mu ijuru

Hadith yaturutse kwa Abu Mussa Al Ash'ariy (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahroo n'imigisha) yavuze iti: "Uzasali iswalat ebyiri zo mu bihe by'imbeho, azinjira mu ijuru."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yashishikarije kugira umurava mu gusali iswalat ebyiri zo mu mbeho ari zo Swalatul Fajri na Swalatul Asri, ndetse inaha inkuru nziza uzazikora mu buryo bukwiye mu bihe byazo, mu mbaga, n'ibindi ko zizaba impamvu yo kujya mu ijuru.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/4198